# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

**2025** Tariki 28 Gashyantare - 7 Werurwe



**Volleyball:** APR Zombi Zegukanye Ibikombe Bya 'Zone V'

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Football:** Rurageretse Hagati ya APR FC na Rayon Sports muri Shampiyona

P1 **Football:** Hamenyekanye Ikipe Zizakina 1/2 cy'Igikombe cy'Amahoro

P2 **Volleyball:** APR Zombi Zegukanye Ibikombe Bya 'Zone V'

P2 **Basketball:** Habaye Imikino ya Shampiyona, APR BBC Igumana Umwanya Wa Mbere

P3 **Tennis:** Valentin Royer Yegukanye Rwanda ATP Challenger 75

P3 **Cycling:** Fabien Doubey Yegukanye Tour du Rwanda 2025

1

## **Football:** Rurageretse Hagati ya APR FC na Rayon Sports muri Shampiyona

Imikino y'umunsi wa 19 wa Shampiyona yabaye kuva kuwa 28 Gashyantare 2025 kugeza kuwa 2 Werurwe 2025, yasize APR FC ikuyemo inota rimwe ry'ikinyuranyo hagati yayo na mukeba wayo, Rayon Sports iyoboye urutonde n'amanota 42, mu gihe APR FC iyikurikira ifite 40.

Ibi byabaye nyuma y'uko mu mikino yahuje aya makipe n'ayo byari bihanganye, Police FC yari yakiriye APR FC yatsinzwe ibitego 1-3, naho Rayon Sport yari yakiriye Gasogi United inganya nayo 0-0.

Mu yindi mikino, amakipe yatsindanye mu buryo bukurikira:

### RWANDA PREMIER LEAGUE RESULTS
### DAY 19

| | | |
|---|---|---|
| **FRIDAY 28 FEBRUARY 2025** | | |
| VISION FC | 1-2 | RUTSIRO FC |
| **SATURDAY 01 MARCH 2025** | | |
| MUHAZI UNITED | 1-0 | ETINCELLES FC |
| AMAGAJU FC | 0-1 | BUGESERA FC |
| KIYOVU SPORTS | 3-1 | GORILLA FC |
| MARINE FC | 3-1 | MUKURA VS |
| MUSANZE FC | 1-2 | AS KIGALI |
| **SUNDAY 02 MARCH 2025** | | |
| RAYON SPORTS | 0-0 | GASOGI UNITED |
| POLICE FC | 1-3 | APR FC |

StarTimes
@Rwanda Premier League @rwandapremierleague @rwandapremierleague

### TABLE 2024-2025

| POS | CLUB | PG | GD | PTS |
|---|---|---|---|---|
| 1 | RAYON SPORTS | 19 | 20 | 42 |
| 2 | APR FC | 19 | 13 | 40 |
| 3 | AS KIGALI | 19 | 3 | 33 |
| 4 | GORILLA FC | 19 | 6 | 30 |
| 5 | POLICE FC | 19 | 8 | 28 |
| 6 | MUKURA VS | 19 | -4 | 27 |
| 7 | RUTSIRO FC | 19 | 3 | 26 |
| 8 | GASOGI UNITED | 19 | -1 | 25 |
| 9 | BUGESERA FC | 19 | 3 | 23 |
| 10 | ETINCELLES FC | 19 | -1 | 23 |
| 11 | AMAGAJU FC | 19 | -6 | 23 |
| 12 | MUHAZI UNITED | 19 | 0 | 22 |
| 13 | MARINES FC | 19 | -7 | 22 |
| 14 | MUSANZE FC | 19 | -4 | 18 |
| 15 | KIYOVU SPORTS | 19 | -17 | 15 |
| 16 | VISION FC | 19 | -16 | 12 |

StarTimes
@Rwanda Premier League @rwandapremierleague @rwandapremierleague

## **Football:** Hamenyekanye Ikipe Zizakina 1/2 cy'Igikombe cy'Amahoro

Kuwa 5-6 Werurwe 2025, kuri Kigali Pelé Stadium habereye imikino yo kwishyura ya 1/4 cy'igikombe cy'Amahoro. Iyi mikino yasize Rayon Sports, APR FC, Police FC na Mukura VS ari zo zikomeje kuri 1/2 cy'iri rushanwa.

Ibi byabaye nyuma y'uko Amagaju na Mukura VS zari zaganyije 2-2 mu mikino yombi, zageze kuri penaliti, nuko Mukura VS itsinda 3-2. Mu yindi mikino, Rayon Sports yatsinze Gorilla FC igitego 1-0, bingana n'igiteranyo cy'ibitego 3-2 mu mikino yombi, APR FC inganya ubusa ku busa na Gasogi United, ibingana n'igitego 1-0 mu mikino yombi, naho Police FC inganya na AS Kigali ibitego 2-2, ibingana n'igiteranyo cya 4-3.

Imikino ya 1/2 izakinwa mu buryo bukurikira:
APR FC vs Police FC
Mukura VS vs Rayon Sports





## **Volleyball:** APR Zombi Zegukanye Ibikombe Bya 'Zone V'

Kuwa 3 Werurwe 2025, mu mujyi wa Kampala habereye imikino y'irushanwa rya CAVB Club Championship 2025, aho APR y'abagabo n'iy'abagore zari zageze ku mikino ya nyuma y'iri rushanwa zombi.

Mu mukino w'amaseti 4 wahuzaga APR WVC na Kenya Pipeline WVC, APR WVC yatsinze Kenya Pipeline WVC amaseti 3-1. Naho mu mukino wahuje APR VC na Police VC zisanzwe zihurira muri shampiyona y'u Rwanda, APR nayo yatsinze Police amaseti 3-1.








## **Basketball:** Habaye Imikino ya Shampiyona, APR BBC Igumana Umwanya Wa Mbere

Kuwa 1-5 Werurwe 2025, kuri Petite Stade habereye imikino ya Shampiyona ya Basketball y'u Rwanda, aho ikipe ya REG BBC yihariye irushanwa mu bagore no mu bagabo. Mu bagore, REG BBC yakinnye na APR BBC iyitsinda amanota 68-59, naho mu bagabo, bakinnye umukino utoroshye na Kepler batsinda ku manota 72-71.

Mu yindi mikino, mu bagore, The Hoops yatsinze UR Kigali amanota 83-23, AZOMCO itsinda Groups Scolaire Marie Reine Rwaza amanota 57-39. Mu bagabo APR BBC yatsinze Espoir ku manota 86-79, naho Tigers itsinda AZOMCO ku manota 96-89.
Urutonde rwa shampiyona ruhagaze mu buryo bukurikira:

| POSITION | TEAM | FOR REC | FOR | AGST | GP | W | L | PTS | GD |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | APR BBC | 0 | 567 | 423 | 6 | 6 | 0 | 12 | 144 |
| 2 | REG | 0 | 511 | 376 | 6 | 6 | 0 | 12 | 135 |
| 3 | PATRIOTS | 0 | 399 | 347 | 5 | 4 | 1 | 9 | 52 |
| 4 | KEPLER BBC | 0 | 480 | 475 | 6 | 3 | 3 | 9 | 5 |
| 5 | Tigers BBC | 0 | 380 | 435 | 5 | 2 | 3 | 7 | -55 |
| 6 | ESPOIR | 0 | 444 | 500 | 6 | 1 | 5 | 7 | -56 |
| 7 | United Generations for Basketball | 0 | 329 | 365 | 5 | 2 | 3 | 7 | -36 |
| 8 | ORION | 0 | 336 | 374 | 5 | 1 | 4 | 6 | -38 |
| 9 | AZOMCO | 0 | 419 | 570 | 6 | 0 | 6 | 6 | -151 |



## **Tennis:** Valentin Royer Yegukanye Rwanda ATP Challenger 75

Umukino wa nyuma w'irushanwa Rwanda ATP Challenger 75, ryari rimaze icyumweru ribera kuri IPRC Kigali Tennis Club, wabaye ku wa 1 Werurwe 2025, irushanwa ryegukanwa n'Umufaransa Valentin Royer atsinze Umunya-Slovakia Andrej Martin kuri 6-1, 6-2.
Valentin Royer yahise akomereza mu irushanwa rya Rwanda ATP Challenger 75, naryo ryakomereje kuri IPRC Kigali Tennis Club guhera kuwa 2 Werurwe 2025, aho umukino wa nyuma uteganyijwe kuwa 8 Werurwe 2025.








## **Cycling:** Fabien Doubey Yegukanye Tour du Rwanda 2025

Kuwa 2 Werurwe 2025 hari hateganyijwe agace ka nyuma ka Tour du Rwanda 2025, kari kagizwe no kuzenguruka imihanda ya Kigali, irimo ahazwi nka Norvege ndetse n'ahandi, ariko nyuma y'imvura nyinshi yaguye, ikangiza imihanda ndetse bamwe bakagwa, bakava mu isiganwa, aka gace kaba imfabusa.

Ibi byabaye nyuma y'uko umukinnyi Fabien Doubey wari ufite umwambaro w'umuhondo yasabye abandi kudakomeza irushanwa, ibyatumye rihagarara, ndetse aryegukana arusha Umunya-Eritrea Henok Mulubrhan amasegonda 5, n'ubwo we yumvaga ko yashobora guhigika uyu wa mbere.

Uyu mukinnyi wabaye Umufaransa wa mbere wegukanye Tour du Rwanda, yaciwe amande kubera imyitwarire idakwiye ku isura ya siporondetse bivugwa ko ashobora no guhamagazwa na komisiyo y'imyitwarire muri UCI.









RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera-Hallmark Center Building KG 17 Ave